RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 16-18 Nzeri



P1. Football: Mu mikino y'Afurika, AS Kigali yakomeje mu cyiciro cya kabiri, APR FC irasezererwa

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Mu mikino y'Afurika, AS Kigali yakomeje mu cyiciro cya kabiri, APR FC irasezererwa

P2 **Basketball:** Ikipe ya REG BBC mu bagabo yisubije igikombe cya shampiyona

P3 **Rugby:** Ikipe y'u Rwanda yakinnye na Kibubu yo mu Bubiligi

P4 **ARPST:** Habaye imikino ya ¼ na ½ mu byiciro bitandukanye ya Shampiyona y'ibigo bya Leta yarabaye

P5 **NPC-Rwanda:** Sitting Volleyball, Ikipe y'u Rwanda mu bagabo n'abagore yatangiye kwitegura shampiyona y'Isi

1

# **Football:** Mu mikino y'Afurika, AS Kigali yakomeje mu cyiciro cya kabiri, APR FC irasezererwa

Ikipe ya AS Kigali yari ihagarariye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo"TotalEnergies CAF Confederation Cup2022-2023" yitwaye neza isezerera ikipe ya ASAS Télécom yo muri Djibouti ikaba izahura n'ikipe ya Al-Nasr Benghaziyo muri Libiya mu cyiciro cya kabiri cy'imikino y'amajonjora.

Iyi kipe ya AS Kigali yitwaye neza mu mukino wo kwishyura itsinda ASAS Télécom yo muri Djibouti igitego 1-0 cyatsinzwe na Kalisa Rachid. Uyu mukino wabereye kuri Sitade Mpuzamahanga ya Huye taliki 18 Nzeri 2022.

Ikipe ya AS Kigali yakomeje mu cyiciro cya kabiri cy'imikino y'amajonjora isezereye ASAS Télécom ku gitego 1-0 mu mikino yombi kuko umukino wari wabereye muri Djibouti aya makipe yombi yari yanganyije 0-0.

Mu cyiciro cya kabiri cy'imikino y'amajonjora, ikipe ya AS Kigali izakina na Al-Nasr Benghazi yo muri Libiya. Umukino ubanza uzabera i Huye hagati y'italiki 07 na 09 Ukwakira 2022 naho uwo kwishyura ubere muri Libiya hagati y'italiki 14 na 16 Ukwakira 2022. Ikipe izakomeza izakina icyiciro cya gatatu kibanziriza kujya mu matsinda.




**APR FC yasezerewe na US Monastir**

Ikipe ya APR FC yari ihagarariye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yatwaye ibikombe iwayo "TotalEnergies CAF Champions League 2022-2023" yasezerewe na US Monastir yo muri Tunizia nyuma yo kuyitsinda ibitego 3-1 mu mikino yombi.

Taliki 18 Nzeri 2022 ni bwo iyi kipe yakinnye umukino wo kwishyura wabereye kuri Sitade Mustapha Ben Jannet i Monastir. Ikipe ya APR FC yatsinzwe ibitego 3-0 ihita isezererwa ku bitego 3-1 mu mikino yombi kuko umukino ubanza wari wabereye mu Rwanda yari yatsinze US Monastir igitego 1-0.

Ikipe ya APR FC yari ifite intego yo kugera mu matsinda y'imikino y'Afurika yahise iviramo mu cyiciro cya mbere cy'imikino y'amajonjora. Ikipe ya US Monastir yakomeje mu cyiciro cya kabiri izahura na Al Ahly yo mu Misiri, ikipe izitwara neza izakomeza mu matsinda naho itsinzwe ijye mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo"TotalEnergies CAF Confederation Cup2022-2023" ikine icyiciro cya nyuma cya gatatu mbere yo kwerekeza mu matsinda.





# 2 **Basketball:** Ikipe ya REG BBC mu bagabo yisubije igikombe cya shampiyona

Ikipe ya REG BBC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo"Rwanda Basketball League 2021-2022" nyuma yo gutsinda ikipe ya Patriots BBC muri "Playoffs 2022" imikino 3-2.

Umukino wa nyuma wa 5 muri "Playoffs 2022" wakinwe ku Cyumweru taliki 18 Nzeri 2022 aho buri kipe yaba REG BBC ndetse na Patriots BBC yasabwaga gutsinda ikegukana igikombe kuko aya makipe yombi yagiye gukina anganya imikino 2-2. Muri uyu mukino wabereye muri BK Arena, ikipe ya REG BBC yatangiye neza itsinda agace ka mbere ku manota 24 kuri 13. Agace ka kabiri aya makipe yanganyije amanota 18-18. Agace ka gatatu Patriots BBC yatsinze amanota 18 kuri 17 naho agace ka nyuma ka 4 aya makipe anganya amanota 25-25.

Ikipe ya REG BBC yahise yegukana intsinzi ku manota 84 kuri 74 bituma ihita yegukana n'igikombe cya shampiyona ku ntsinzi y'imikino 3-2. Iyi kipe yisubije iki gikombe kuko ni yo yari yacyegukanye umwaka ushize wa 2021 na bwo itsinze Patriots BBC imikino 2-0.

Iyi kipe ya REG BBC ikaba ari igikombe cya shampiyona cya gatatu yegukanye nyuma ya 2017 na 2021.

**Uko imikino yose ya "Playoffs 2022" yagenze**

Taliki 07 Nzeri 2022 ni bwo habaye umukino wa mbere wa "Playoffs 2022" aho ikipe ya Patriots BBC yitwaye neza igatsinda REG BBC amanota 75 kuri 70. Taliki 10 na 11 Nzeri 2022, ikipe ya REG BBC yitwaye neza itsinda Patriots BBC imikino 2, amanota 79 kuri 70 na 82 kuri 75. Umukino wa 4 wabaye taliki 14 Nzeri 2022, ikipe ya Patriots BBC yatsinze REG BBC amanota 78 kuri 62 naho umukino wa nyuma wa 5 wabaye talki 18 Nzeri 2022, REG BBC itsinda Patriots BBC amanota 84 kuri 74.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Nyuma y'imikino ya "Playoffs 2022", ikipe ya REG BBC yasoreje ku mwanya wa mbere ihabwa igikombe na miliyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda. Ku mwanya wa kabiri hasoreje Patriots BBC yahawe miliyoni 7.5, ku mwanya wa 3 hasoreza APR BBC yahawe miliyoni 3,5. Ku mwanya wa 4 haje Tigers BBC, Espoir BBC (5), UGB (6), Shoot 4 Stars (7), IPRC Kigali BBC (8), IPRC Huye BBC (9), IPRC Musanze BBC (10), Rusizi BBC (11), UR Huye BBC (12) na UR CMHS BBC (13).

Aya makipe 3 ya nyuma, Rusizi BBC (11), UR Huye BBC (12) na UR CMHS BBC (13) azamanuka mu cyiciro cya kabiri mu gihe ikipe ya Kigali Titans BBC na Orion BBC zazamutse mu cyiciro cya mbere.

Ikipe ya REG BBC nyuma yo kwegukana igikombe cya shampiyona ni yo izahagararira u Rwanda mu irushanwa ry'Afurika ry'amakipe yatwaye ibikombe iwayo muri Basketball mu bagabo "Africa Basketball League 2023".



Ikipe ya REG BBC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo"Rwanda Basketball League 2021-2022" nyuma yo gutsinda ikipe ya Patriots BBC muri "Playoffs 2022" imikino 3-2.

# **Rugby:** Ikipe y'u Rwanda yakinnye na Kibubu yo mu Bubiligi

Ikipe y'u Rwanda mu bagabo mu mukino wa Rugby "Silver Backs" yakinnye umukino wa gicuti n'ikipe ya Kibubu RC yo mu Bubiligi. Uyu mukino wabereye muri Cercle Sportif de Kigali mu Rugunga taliki 17 Nzeri 2022, ikipe y'u Rwanda yatsinze ibitego 51 kuri 15.

Ikipe y'u Rwanda yakinnye uyu mukino nyuma y'imyaka isaga 3 idakina kubera COVID-19. Uyu mukino ukaba wari mu rwego rwo gufasha ikipe y'u Rwanda kwitegura amarushanwa mpuzamahanga izitabira umwaka utaha ndetse no gutsura umubano.

Iyi kipe ya Kibubu "Kigali-Bujumbura-Bukavu" ibarizwa mu Bubiligi, ifite amateka kuko yashinzwe mu myaka ya 1970 n'Abanyarwanda bari bavuye mu Mujyi wa Kigali, Abarundi b'i Bujumbura n'ab'i Bukavu muri RDC. Kuri ubu iyi kipe ikina shampiyona ya Rugby mu gihugu cy'u Bubiligi ikaba ikinamo abakinnyi bakomoka mu bihugu bitandukanye birimo u Bubiligi, Espagne, Chili n'ahandi.

Nyuma y'uyu mukino wa gicuti, kapiteni w'ikipe y'u Rwanda, Ikorukwishaka Patrick yatangaje ko ikipe bakinnye na yo idakomeye gusa bishimiye kongera gukina nyuma y'igihe kinini cyari gishize badakina umukino mpuzamahanga.

Akomeza avuga ko mu rwego rwo kwitegura imikino ikomeye iri imbere bakeneye imikino myinshi ya gicuti bakipima kugira ngo bizababafashe kwitwara neza no gutsinda imikino mpuzamahanga bazakina umwaka utaha.

Umutoza w'ikipe y'igihugu, Kamali Vincent yashimiye abakinnyi uburyo bitwaye akurikije igihe cyari gishize badakina. Akomeza avuga ko mu minsi ishize bari bakinnye mu cyiciro cy'abakina ari 7 ariko ubu bakinnye icyiciro cy'abakina ari 15.
Ati: *"Uyu mukino wanyeretse ko dufite ikipe nziza, ni abakinnyi bashya bakiri bato kandi bashoboye, icyo babura ni imbaraga ni byo tugiye kubafasha. Gusa mfite icyizere ko tuzitwara neza mu minsi iri imbere."*

Muri uyu mukino abakinnyi babiri b'ikipe y'igihugu basezeye mu cyubahiro. Aba ni Kabula Seleman ndetse na Mwiseneza Seraphin.

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF", Kamanda Tharcisse yatangaje ko uyu mukino wari mwiza kuko ubasigiye ishusho y'uko ikipe y'u Rwanda ihagaze kuko nyuma ya COVID-19 ariwo mukino bakinnye.
Ati: *"Umukino uduhaye ishusho y'uko ikipe ihagaze n'icyo tugomba gukora mu rwego rwo kuyitegura kugira ngo izitabire imikino mpuzamahanga mu minsi iri imbere ihagaze neza."*

Agaruka kuri uyu mukino n'ikipe ya Kibubu yo mu Bubiligi, Kamanda yavuze ko ibi bifasha mu gutsura umubano n'ibi bihugu.
Ati: "Ubushize dukina Ambasaderi w'u Bwongereza mu Rwanda yaraje, ubu hari Ambasaderi w'u Bubiligi mu Rwanda, ibi ni byiza rero bigaragaza ishusho nziza y'umukino wacu ndetse n'igihugu muri rusange kuko ubu muri iyi minsi dufite gahunda yo kuzamura ubukerarugendo bushingiye kuri Siporo."

Ambasaderi w'u Bubiligi mu Rwanda, Bert Versmessen yatangaje ko umukino wari mwiza cyane. Yashimangiye ko umukino nk'uyu ari kimwe mu bishimangira umubano hagati y'ibihugu byombi cyane cyane muri siporo.

Perezida wa RRF, Kamanda Tharcisse avuga ko umwaka utaha ikipe y'igihugu ifite imikino mpuzamahanga ikomeye aho muri Kamena 2023 bazitabira imikino y'amajonjora yo gushaka itike y'imikino Olempike 2024.

Uretse mu bagabo, Perezida wa RRF, Kamanda yemeje ko n'ikipe y'u Rwanda mu bagore na yo izatangira vuba imyiteguro yo kuzitabira imikino y'amajonjora yo gushaka itike y'imikino Olempike 2024.





## 4 **ARPST:** Habaye imikino ya ¼ na ½ mu byiciro bitandukanye ya Shampiyona y'ibigo bya Leta yarabaye

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 16 Nzeri 2022, imikino y'abakozi yarakomeje aho bakinaga imikino ¼ na ½ mu byiciro bitandukanye.

**Football**

**Catégorie A**
- RBA 1-2 MoD
- NISR 7-0 RMS
- RWANDAIR 3-1 RSSB
- REG 0-3 RBC

**Catégorie B (1/2)**
- RMB 4-3 MININFRA
- IPRC 2-5 RISA
- Volleyball
- Primature 3-1 RAB, umukino wahise utuma Primature igera ku mukino wa nyuma. Umukino wa MINISPORTS na Parliament washyizwe undi munsi.

Mu mpera z'iki Cyumweru gihera taliki ya 23 Nzeri 2022 ibigo bizatangira gukina imikino yo kwishyura mu buryo bukurikira.

**Football**

**Catégorie B (1/4)**
- MININFRA-RMB (15h00, CSK)
- Risa-IPRC Kigali (15h00, SFB)

**Football Catégorie A (1/2)**
- MoD-Rwandair (15h30, Ruyenzi)
- NISR-RBC (15h30, Régional)

**Basketball Catégorie A (1/2)**
- MoD-Rwandair (15h00, Busanza)
- UR-WASAC (15h00, Kist)

**Basketball Catégorie B**
- RTDA-MINECOFIN (15h30, IPRC Kigali)

**Volleyball Catégorie A (1/2)**
- MoD -WASAC (15h30, Busanza)
- MOH-Rwandair (15h30, SFB)



**Ibigo by'abikorera**

**Taliki 24-09-2022**

**Basketball**
- STECOL-BK (10h00, STECOL)

5

# **NPC-Rwanda:** Sitting Volleyball, Ikipe y'u Rwanda mu bagabo n'abagore yatangiye kwitegura shampiyona y'Isi

Ikipe y'u Rwanda mu mukino wa Volleyball ikinwa n'abantu bafite ubumuga "Sitting Volleyball" mu bagabo n'abagore yatangiye kwitegura shampiyona y'Isi "Sitting Volleyball World Championships 2022" izabera i Sarajevo muri Bosnie Herzegovine kuva taliki 04 kuge 11 Ugushyingo 2022.

Iyi mikino izitabirwa muri rusange n'ibihugu 16 aho byashizwe no mu matsinda. Mu bagabo, itsinda A ririmo Bosnie Herzegovine, USA, Japan na Seribia. Itsinda B rigizwe na Iran, Kazakistan, Croatia na Iraq, itsinda C rigizwe na Brazil, u Budage, Canada na Pologne naho itsinda D rigizwe na Misiri, u Rwanda, Ukraine n'u Buholandi.

Mu bagore, itsinda A rigizwe na Bosnie Herzegovine, Slovenia na Finland. Itsinda B rigizwe na USA, Ukraine, u Budage na Hongria, itsinda C rigizwe na Brazil, u Rwanda na Misiri naho itsinda D rigizwe na Canada, u Butaliyani na Iran.

Mu rwego rwo kwitegura neza iyi mikino Komite y'imikino y'abantu bafite ubumuga "NPC-Rwanda" yashyizeho umutoza mukuru w'amakipe yombi, Dr. Mussad Rashad ukomoka mu Misiri akaba yarahawe amasezerano y'amezi 6 ashobora kongerwa.

Uyu mutoza akaba yarahise anahamagara abakinnyi b'amakipe yombi bakaba baratangiye imyitozo bitegura imikino.

**Abakinnyi bahamagwe mu makipe yombi**

**Mu bagabo:** Vuningbo Emile Cadet, Twagirayezu Callixte, Hagenimana Fulgence, Gatete Fidele, Ngizwenimana Jean Bosco, Semana Jean, Uwizeyimana Callixte, Ndayisaba Jean Baptiste, Ndahiro Jean Claude, Niyitegeka Innocent, Murema Jean Baptitse, Imanirutabyose Patrick, Nsanzimana Tiras, Muhawenimana Leandre, Rutagengwa Vitus na Ntambara Jean Paul.

Umutoza mukuru ni Mossad Rashad wungirijwe na Gakwaya Eric na Rukundo Jean mu gihe Gakire Patrick ari umutoza ushinzwe kongerera ingufu abakinnyi. Mandela Steven ni we ushinzwe ubuzima bwa buri munsi bw'ikipe "Team Manager" naho umuganga akaba Nkurayija Jean Pierre.

**Mu bagore:** Mukobwankawe Liliane, Bazubagira Claudine, Nyiranshimiyimana Agnes, Mugirwanake Marie Louise, Murebwayire Claudine, Mukamurenzi Alice, Nyiraneza Solange, Uwajeneza Uwase Rose, Umutoni Clementine, Umulisa Hosiana, Muyuyimana Chantal, Nikuze Zaninka na Kayitesi Pacific.

Umutoza mukuru ni Mossad Rashad wungirijwe na Gakwaya Eric na Ndamyugabe Emmanuel, Gakire Patrick ni we mutoza ushinzwe kongerera ingufu abakinnyi, ushinzwe ubuzima bwa buri munsi b'ikipe "Team Manager" ni Niragire Angelique naho umugana ni Nzayisenga Sauda.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave